

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Imiryango idaharanira inyungu/Non profit making Associations/ Associations sans but lucratif

N°84/11 ryo kuwa 28/05/2009

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi umuryango «KAISHO KARATE-DO » kandi ryemera Abavugizi bawo.....3

N°84/11 of 28/05/2009

Ministerial Order granting Legal status to the Association «KAISHO KARATE-DO » and approving its Legal Representatives.....3

N°84/11du 28/05/2009

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l'Association«KAISHO KARATE-DO » et portant agrément de ses Représentants Légaux.....3

N°117/08.11 ryo kuwa 24/07/2011

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi umuryango « AS WE FORGIVE RWANDA INITIATIVE (AWF-RI) » kandi ryemera Abavugizi bawo.....20

N°117/08.11 of 24/7/2011

Ministerial Order granting legal status to the Association «AS WE FORGIVE RWANDA INITIATIVE (AWF-RI)» and approving its Legal Representatives.....20

N°117/08.11 du 24/7/2011

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l'Association«AS WE FORGIVE RWANDA INITIATIVE (AWF-RI)» et portant agrément de ses Représentants Légaux.....20

N°122/08.11 ryo kuwa 24/07/2011

Iteka rya Minisitiri riha ubuzimagatozi umuryango « ODRBES SAINT ESPRIT SCHOOL» kandi ryemera Abavugizi bawo.....34

N°122/08.11 of 24/07/2011

Ministerial Order granting legal status to the Association « ODRBES SAINT ESPRIT SCHOOL » and approving its Legal Representatives34

N°122/08.11 du 24/07/2011

Arrêté Ministériel accordant la personnalité civile à l' Association « ODRBES SAINT ESPRIT SCHOOL » et portant agrément de ses Représentations Légaux.....34

N°128/08.11 ryo kuwa 22/8/2011

Iteka rya Minisitiri rihindura amategeko shingiro n'izina by'umuryango « EJO NZAMERA NTE » kandi ryemera Abavugizi bawo.....51

N°128/08.11 of 22/8/2011

Ministerial Order altering constitution and denomination of the Association « EJO NZAMERA NTE » and approving its Legal Representatives51

N°128/08.11 du 22/8/2011

Arrêté Ministériel modifiant statut et dénomination de l'Association « EJO NZAMERA NTE » et portant agrément de ses Représentants Légaux.....51

B. Amakoperative/Cooperatives/Coopératives

- KOZIKI.....	70
- DUHUZAMABOKO.....	71
- COEPPOCGI.....	72
- MUSHA COFFEE.....	73
- KO.T.BWO.....	74
- COOPROMASHYO.....	75
- GISAKA COFFEE.....	76
- DUFATANYE MUHORORO.....	77
- ABAHUMIHIHIGO-NYANGE.....	78
- DUKORERURWANDA-NYANGE.....	79
- UMUBANO-NSIBO.....	80
- C.T.RUSIZI.....	81
- IMBONEZA SACCO.....	82
- COCUNYA.....	83
- UATA.....	84
- TWITIBI.....	85
- SACCO KAGANO.....	86
- COPROMA.....	87
- TWITEZE IMBERE NYARUSANGE.....	88
- DUSHOZIMIHIGO.....	89
- TWIRWANEHO –MUTARA.....	90
- KO.URA. RUHANGA.....	91
- UBUMWE COMUDIA.....	92
- DUSANE.....	93
- FUCORIRWA.....	94
- CLECAM –ZAMUKA.....	95
- DUTERIMBERE – MUSENYI.....	96

ITEKA RYA MINISITIRI N°84/11 RYO KUWA 28/05/2009 RIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO «KAISHO KARATE-DO» KANDI RYEMERA ABAVUGIZI BAWO

MINISTERIAL ORDER N°84/11 OF 28/05/2009 GRANTING LEGAL STATUS TO THE ASSOCIATION «KAISHO KARATE-DO» APPROVING ITS LEGAL REPRESENTATIVES

ARRRETE MINISTERIEL N°84/11 DU 28/05/2009 ACCORDANT LA PERSONNALIT CIVILE A L'ASSOCIATION «KAISHO KARATE-DO» ET PORTANT AGREMENT DE SES REPRESENTANTS LEGAUX

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere: Izina n'icyicaro by'Umuryango

Ingingo ya 2: Intego z'umuryango

Ingingo ya 3 : Abavugizi b'umuryango

Ingingo ya 4 : Igihe Iteka ritangira gukurikizwa

TABLE OF CONTENTS

Article One: Name and Head Office of the Association

Article 2: Objectives of the Association

Article 3: The Legal Representatives

Article 4: Commencement

TABLE DES MATIERES

Article premier: Dénomination et Siège de l'Association

Article 2 : Objet de l'Association

Article 3 : Les Représentants Legaux

Article 4: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N°84/11 RYO KUWA 28/05/2009 RIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO «KAISHO KARATE - DO» KANDI RYEMERA ABAVUGIZI BAWO

MINISTERIAL ORDER N°84/11 OF 28/05/2009 GRANTING LEGAL STATUS TO THE ASSOCIATION «KAISHO KARATE-DO» APPROVING ITS LEGAL REPRESENTATIVES

ARRETE MINISTERIEL N°84/11 DU 28/05/2009 ACCORDANT LA PERSONNALITE CIVILE A L'ASSOCIATION «KAISHO KARATE-DO» ET PORTANT AGREMENT DE SES REPRESENTANTS LEGAUX

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta,

The Minister of Justice/Attorney General,

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n'iya 121;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120 and 121;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 121;

Ashingiye ku Itegeko n°20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye Imiryango idaharanira inyungu, cyanecyane mu ngingo zaryo iya 8, iya 9, iya 10 n'iya 20;

Pursuant to Law n°20/2000 of 26/07/2000, relating to Non Profit Making Organisations, especially in Articles 8,9,10 and 20;

Vu la loi n° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux Associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 8,9,10 et 20;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n°27/01 ryo kuwa 18/07/2007 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri, Cyanecyane mu ngigo yaryo ya mbere;

Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004, determining certain ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;

Vu l'Arrêté Présidentiel n° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains arrêtés Ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier;

Abisabwe n'Umuvugizi w'Umuryango «KAISHO KARATE-DO» mu rwandiko rwe rwakiriwe kuwa 19/12/2008;

Upon request lodged by the legal Representative of the Association «KAISHO KARATE-DO» on 19/12/2008;

Sur requête du Représentant Légal de l'Association «KAISHO KARATE-DO» reçue le 19/12/2008;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: by'Umuryango

Izina n'icyicaro

Ubuzimagatozi buhawe Umuryango «**KAISHO KARATE-DO**», ufite icyicara cyawo ku Kimironko, mu Karere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

Ingingo ya 2 : Intego z'Umuryango

Umuryango ugamije

- Guteza imbere imyitozo ya Karate;
- Guhamya no guteza imbere ubwumvikane n'ubufatanye mu banyamuryango;
- Guhuriza hamwe amategeko agenga umukino wa karate hakurikijwe amategeko yemewe mu gihugu no mu rwego mpuzamahanga;
- Guhamya umubano n'Ubuyobozi bw'Igihugu.

Ingingo ya 3: Abavugizi b'Umuryango

Uwemerewe kuba Umuvugizi w'umuryango «**KAISHO KARATE-DO**» ni Bwana **MUSONI Narcisse**, Umunyarwanda uba mu Murenge wa Nyarugunga, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali.

Uwemerewe kuba Umuvugizi Wungirije w'uwo muryango ni Bwana **TWAGIRAYEZU Canisius**, Umunyarwanda uba mu Murenge wa Nyarugenge, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali.

Article One : Name and Head Office of the Association

Legal Status is hereby granted to the Association «**KAISHO KARATE-DO**» that is situate at Kimironko, Gasabo District, Kigali City.

Article 2 : Objectives of the Association

The Association has the following objectives:

- Promoting the practice of Karate
- Maintaining and promoting friendship and collaboration between members of organisation;
- To standardise karate rules with recognised national and international norms;
- To develop relationship with official institutions.

Article 3 : The Legal Representatives

Mr. **MUSONI Narcisse**, of Rwandan Nationality, Residing in Nyarugunga Sector, Kicukiro District, in Kigali City, is hereby authorised to be the Legal Representative of the «**KAISHO KARATE-DO**».

Mr. TWAGIRAYEZU Canisius of Rwandan Nationality, residing in Nyarugenge Sector, Nyarugenge District, in Kigali City, is hereby Authorised to be the Deputy Legal Representative of the same Association.

Article premier: Dénomination et siège de l'Association

La personnalité civile est accordée à l'Association «**KAISHO KARATE-DO**» sise à Kimironko, District de Gasabo, Ville de Kigali.

Article 2 : Objet de l'Association

L'Association a pour Objet de:

- Promouvoir la pratique du Karaté
- Maintenir et promouvoir l'entente et la collaboration entre les membres de l'Association;
- Uniformiser les règles du Karaté suivant les normes nationales et internationales;
- Développer les relations avec les institutions officielles.

Article 3 : Les Représentants Légaux

Est agréé en qualité de Représentant Légal de l'Association «**KAISHO KARATE-DO**» Monsieur **MUSONI Narcisse** de nationalité Rwandaise, résidant dans le Secteur Nyarugunga, District de Kicukiro, Ville de Kigali.

Est agréé en qualité de Représentant Légal Suppléant de la même Association, Monsieur **TWAGIRAYEZU Canisius**, de nationalité Rwandaise, résidant dans le Secteur de Nyarugenge, District de Nyarugenge, Ville de

Ingingo ya 4: Igihe Iteka ritangira gukurikizwa

Iri Teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'uRwanda.

Kigali kuwa 28/05/2009

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 4 : Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali on 28/05/2009

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Kigali.

Article 4: Entrée en vigueur

Le présent Arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali le 28/05/2009

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

UMURYANGO UDAHARANIRA INYUNGU
«KAISHO KARATE-DO» asbl.

AMATEGEKO SHINGIRO

UMUTWE WA MBERE :
INYITO, ICYICARO, INTEGO, AHO
UKORERA N'IGIHE UZAMARA

Ingingo ya mbere:

Hakurikijwe itegeko n°20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 rigenga imiryango idaharanira inyungu, hashinzwe umuryango witwa «KAISHO KARATE-DO» asbl.

Ingingo ya 2:

Icyicaro cy' umuryango gishinzwe mu Mujyi wa Kigali, Akarere ka Gasabo, Umurenge wa Kacyiru. Gishobora kandi kwimurirwa aho ari ho hose ku butaka bw'u Rwanda byemejwe n'Inteko Rusange.

Umuryango ushobora kugaba amashami aho ari ho hose mu gihugu byemejwe n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 3:

Umuryango ugamije:

1. Guteza imbere imyitozo ya Karate;
2. Guhamya no guteza imbere ubwumvikane n'ubufatanye mu banyamuryango ;

NON-PROFIT MAKING ORGANIZATION
«KAISHO KARATE-DO» asbl.

CONSTITUTION

CHAPTER ONE:
DENOMINATION, HEADQUARTERS,
OBJECTIVES, RANGE DURATION

Article One:

In accordance with Law N° 20/2000 of 26th July 2000 relating to non-profit making organizations, there is hereby established an organization called «KAISHO KARATE-DO» asbl.

Article 2:

The headquarters of the Organization shall be situated in Kigali Town, Gasabo District, Kacyiru Sector. It may be re-allocated anywhere on the Rwandan territory on demand of the General Assembly

The Organization may have different branches anywhere on the national territory when decided by the general assembly.

Article 3:

Objectives of the Organization :

1. To promote practice of Karate;
2. To maintain and promote friendship and

ASSOCIATION SANS BUT LUCRATIF
«KAISHO KARATE-DO» asbl.

STATUTS

CHAPITRE PREMIER :
DENOMINATION, SIEGE, OBJECTIFS,
ETENDUE ET DUREE

Article premier:

Conformément à la loi n° 20/2000 du 26 Juillet 2000 relative aux associations sans but lucratif, il est créé une association appelée **KAISHO KARATE-DO.**» asbl.

Article 2:

Le siège social de l'association est établi dans la Ville de Kigali, District de Gasabo, Secteur Kacyiru. Il peut néanmoins être transféré n'importe où, sur le territoire rwandais suivant la décision de l'Assemblée générale.

L'association peut avoir des branches n'importe où sur le territoire national à la décision de l'Assemblée générale.

Article 3:

Les objectifs de l'association sont :

1. Promouvoir la pratique du Karaté ;
2. Maintenir et promouvoir l'entente et la

Official Gazette n°40 bis of 03/10/2011

- | | | |
|--|---|--|
| <p>3. Guhuriza hamwe amategeko agenga umukino wa Karate hakurikijwe amategeko yemewe mu Gihugu no mu rwego mpuzamahanga;</p> <p>4. Guhamya umubano n'ubuyobozi bw'Igihugu.</p> | <p>collaboration between members of organization;</p> <p>3. To standardize Karate rules with recognized national and international norms;</p> <p>4. To develop relationship with official institutions.</p> | <p>collaboration entre les membres de l'association;</p> <p>3. Uniformiser les règles du Karaté suivant les normes nationales et internationales ;</p> <p>4. Développer les relations avec les institutions officielles.</p> |
|--|---|--|

Ingingo ya 4:

Umuryango uzakorera ibikorwa byawo mu Akarere ka Gasabo.

Umuryango uzamara igihe kitagenwe.

**UMUTWE WA II :
ABANYAMURYANGO**

Ingingo ya 5:

Umuryango ugizwe n'abanyamuryango bawushinze, abanyamuryango bawinjiramo n'abanyamuryango b'icyubahiro. Abanyamuryango bawushinze ni abashyize umukono kuri aya mategeko shingiro. Abanyamuryango bawinjiramo ni abantu babisaba bamaze kwiyezeza gukurikiza aya mategeko shingiro kandi bakemerwa n'Inteko Rusange. Abanyamuryango bawushinze n'abawinjiramo ni abanyamuryango nyakuri. Bafite uburenganzira bumwe n'inshingano zimwe ku birebana n'umuryango.

Abanyamuryango b'Icyubahiro ni abantu

Article 4:

The Organization shall practice its activities on the Gasabo District.

The Organization is created for an unlimited duration.

**CHAPTER II:
MEMBERS**

Article 5:

The Organization is comprised of Founder Members, Ordinary Members and honorary members. The founder members are those that have signed the present constitution. Ordinary members are those who would have accepted this constitution and be accepted after a written application by the General Assembly. The founder and ordinary members are referred to as effective members of the Organization of the association with equal rights and duties.

Honorary Members are those who would have

Article 4:

L'association exercera ses activités en District de Gasabo.

L'association est créée pour une durée indéterminée.

**CHAPITRE II :
LES MEMBRES**

Article 5:

L'association se compose des membres fondateurs, des membres adhérents et des membres d'honneur. Sont membres fondateurs les signataires des présents statuts. Sont membres adhérents des personnes physiques qui, sur demande et après avoir souscrit aux présents statuts, sont agréées par l'Assemblée Générale. Les membres fondateurs et les membres adhérents sont les membres effectifs de l'association. Ils ont les mêmes droits et devoirs vis-à-vis de l'association.

Les Membres d'honneur sont des personnes

Official Gazette n°40 bis of 03/10/2011

cyangwa imiryango bemerwa n'Inteko Rusange kubera ibyiza by'akarusho bakoreye umuryango.

Abanyamuryango b'icyubahiro batangwa na Komite Nyobozi, bakemerwa n'Inteko Rusange. Bagishwa inama gusa ariko ntibatora.

Ingingo ya 6 :

Abanyamuryango nyirizina biyemeza gukorera umuryango nta buhemu. Baza mu Nteko Rusange kandi bafite uburenganzira bwo gutora.

Bagomba gutanga umusanzu wa buri kwezi ugenwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 7:

Inyandiko zisaba kwinjira mu muryango zohererezwa Perezida wa Komite Nyobozi, akazishyikiriza Inteko Rusange kugirango Ifate umwanzuro.

Ingingo ya 8:

Umuntu areka kuba umunyamuryango iyo apfuye, iyo aseze ku bushake, iyo yirukanywe cyangwa iyo umuryango usheshwe

Useze ku bushake yandikira Perezida wa Komite Nyobozi, bikemezwa n'Inteko Rusange.

received acknowledgement by the General Assembly for their special support to the Organization.

Executive Committee shall propose the friends of Organization for approval by the General Assembly. Honorary members have a consultative role but do not have right to vote.

Article 6:

Effective Members are committed to take active part in all activities of the Organization. They shall participate in General Assembly meetings with deliberative role.

They shall pay obligatory their membership fee established by the General Assembly.

Article 7:

Membership applications shall be addressed to the President of the Executive committee who will on his turn submit it to the General Assembly for approval.

Article 8:

A person may cease to be a member by death, by resignation, expulsion by the General Assembly, or by the dissolution of the Organization.

The resignation may be addressed by a written letter to the President of the Executive Committee and submitted to the General

physiques ou morales auxquelles l'Assemblée Générale aura décernée ce titre en reconnaissance des services spéciaux et appréciables rendus à l'association.

Les Membres d'honneur sont proposés par le Comité Exécutif et agréés par l'Assemblée Générale. Ils jouent un rôle consultatif mais ne prennent pas part aux votes.

Article 6 :

Les membres effectifs prennent l'engagement de participer inconditionnellement aux activités de l'association. Ils participent aux assemblées générales avec voix délibérative.

Ils ont l'obligation de verser une cotisation dont le montant est fixé par l'Assemblée Générale.

Article 7:

Les demandes d'adhésion sont adressées par écrit au Président du Comité Exécutif qui les soumet à l'approbation de l'Assemblée Générale.

Article 8:

La qualité de membre se perd par le décès, retrait volontaire, l'exclusion ou la dissolution de l'association.

Le retrait volontaire est adressé par écrit au Président du Comité Exécutif et soumis à l'approbation de l'Assemblée Générale.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi iyo atacyubahiriza aya mategeko shingiro n'amategeko ngenyamikorere y'umuryango.

**UMUTWE WA III :
INZEGO Z'UMURYANGO**

Ingingo ya 9:

Inzego z'umuryango ni Inteko Rusange, Komite Nyobozi n'Ubugenzuzi bw'imari.

Igice cya mbere : Inteko Rusange

Ingingo ya 10

Inteko Rusange nirwo rwego rw'ikirenga rw'umuryango. Igizwe n'abanyamuryango bose.

Ingingo ya 11:

Inteko Rusange ihamagazwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Komite Nyobozi; yaba adahari cyangwa atabonetse, bigakorwa n'umwe mu ba Visi-Perezida.

Iyo Perezida na ba Visi-Perezida bose badahari, batabonetse cyangwa banze, Inteko Rusange ihamagarwa mu nyandiko isinyweho na 1/3 cy'abanyamuryango nyakuri. Icyo gihe, abagize

Assembly for approval.

The expulsion is declared on 2/3 ratio of and by the General assembly and imposed to a member who fails to conform with the Association's constitution and Internal Rules and Regulations

**CHAPTER III:
ORGANS**

Article 9:

The organs of the Organization are the General assembly, the Executive Committee and Account Inspector.

Section One : General Assembly

Article 10 :

The General Assembly is the supreme organ of the Organization. It is composed of all members.

Article 11:

The General Assembly shall be convened and presided over by the President of the Executive Committee. In his absence, by the vice president of the association.

In case of simultaneous unavailability, or intended absence, the General Assembly shall be convened upon a written request of 1/3 of effective members. The Assembly elects an ad hoc president.

L'exclusion est prononcée par l'Assemblée Générale à la majorité de 2/3 des voix contre un membre qui ne se conforme plus aux présents statuts et au règlement intérieur de l'association.

**CHAPITRE III :
LES ORGANES**

Article 9:

Les organes de l'association sont l'Assemblée Générale, le Comité Exécutif et le Commissariat aux comptes.

Section première : Assemblée Générale

Article 10 :

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de l'association. Elle est composée de tous les membres de l'association.

Article 11 :

L'Assemblée Générale est convoquée et présidée par le Président du Comité Exécutif ou le cas échéant, le Vice-Président.

En cas d'absence, d'empêchement ou de défaillance simultanée du Président et du Vice-président, l'Assemblée Générale est convoquée par écrit par 1/3 des membres effectifs. Pour la circonstance, l'Assemblée élit en son sein un

Inteko Rusange bitoramo Perezida w'inama.

Ingingo ya 12 :

Inteko Rusange iterana rimwe mu mwaka mu nama isanzwe. Inzandiko z'ubutumire zikubiyemo ibiri ku murongo w'ibyigwa zishyikirizwa abanyamuryango nibura mbere y'iminsi 30.

Ingingo ya 13 :

Inteko Rusange iterana kandi igafata ibyemezo iyo 2/3 by'abanyamuryango nyakuri bahari. Iyo uwo mubare utagezweho, indi nama itumizwa mu minsi 15. icyo gihe, Inteko Rusange iraterana kandi igafata ibyemezo bifite agaciro uko umubare w'abahari waba ungana kose.

Ingingo ya 14 :

Inteko Rusange idasanzwe iterana buri gihe iyo bibaye ngombwa. Ihamagazwa kandi ikayoborwa mu buryo bumwe nk'ubw'Inteko Rusange isanzwe. Ihamagarwa mbere y'iminsi 15. Impaka zigibwa gusa ku kibazo cyateganyijwe mu butumire.

Article 15 :

Uretse ibiteganywa ukundi n'itegeko ryerekeye imiryango idaharanira inyungu kimwe n'aya mategeko shingiro, ibyemezo by'Inteko Rusange bifatwa hakurikijwe ubwiganze busesuye

Article 12 :

The ordinary General Assembly shall be convened at least once in one year. Invitations with agenda are addressed to members 30 days prior to the issue of the General Assembly.

Article 13:

The General Assembly shall legally convene in the presence of at least 2/3 of the effective members. In case of lack of quorum, the meeting shall be reconvened in 15 days. This time, the meeting shall take place no matter how many members present.

Article 14:

The General Assembly may also be convened in any other extra-ordinary circumstance. It may follow the ordinary modalities of summon. It may be convened 15 days in advance. The agenda, as mentioned in the invitation, will be the only item to be discussed.

Article 15 :

Apart from specific cases mentioned in the national law governing non-profit making organization or in this constitution, the decisions in the General assembly shall be taken by the

Président.

Article 12 :

L'Assemblée Générale se réunit une fois par an en session ordinaire. Les invitations contenant l'ordre du jour sont remises aux membres au moins 30 jours avant la réunion.

Article 13 :

L'Assemblée Générale siège et délibère valablement lorsque les 2/3 de membres effectifs sont présents. Si ce quorum n'est pas atteint, une nouvelle convocation est lancée dans un délai de 15 jours. A cette échéance, l'Assemblée Générale siège et délibère valablement quel que soit le nombre de participants.

Article 14 :

L'Assemblée Générale extraordinaire se tient autant de fois que de besoin. Les modalités de sa convocation et de sa présidence sont les mêmes que celles de l'Assemblée Générale ordinaire. Les délais de sa convocation sont fixés à 15 jours. Les débats ne peuvent porter que sur la question inscrite à l'ordre du jour de l'invitation uniquement.

Article 15 :

Sauf pour les cas expressément prévus par la loi relative aux associations sans but lucratif et par les présents statuts, les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité absolue des

bw'amajwi. Iyo amajwi angana, irya Perezida rigira uburemere bw'abiri.

Ingingo ya 16:

Inteko Rusange ifite ububasha bukurikira :

1. kwemeza no guhindura amategeko agenga umuryango n'amabwiriza mbonezamikorere yawo ;
2. gushyiraho no kuvanaho uhagarariye umuryango n'abamwungirije ;
3. kwemeza ibyo umuryango uzakora ;
4. kwemerera, guhagarika no kwirukana umunyamuryango ;
5. kwemeza buri mwaka imicungire y'imari ;
6. kwemera impano n'indagano ;
7. gusesa umuryango;
8. Kwemeza gahunda y'Ishyirahamwe;
9. Kwemeza gahunda y'ibikorwa bya Komite bya buri mwaka;
10. Kwemeza Raporo ya Komite ya buri mwaka;
11. Gushyiraho Abagenzuzi b'imari baturutse hanze;
12. Kwemeza amasezerano n'ibindi bikorwa birengeje agaciro kagenwa n'Itegeko Ngengamikorere.

absolute majority of members. In case of equality of votes, the president's vote count double.

Article 16:

The general Assembly shall have the following powers and duties:

1. To approve and amend the constitution and the internal rules and regulations of the Organization;
2. To elect and remove the president and the deputy;
3. To approve activities of the Organization;
4. To approve, suspend or expel a member of the Organization;
5. To approve management and annual financial reports;
6. To accept gifts and inheritances;
7. Dissolution of the Organization;;
8. To approve strategic planning of the Organization;
9. To approve annual plans of the Executive Committee;
10. To approve the annual reports from the Executive Committee;
11. To nominate an external audit;
12. To approve contracts and investments assets of the association that have value beyond that is mentioned in the internal rules and regulations

voix. En cas de parité de voix, celle du Président compte double.

Article 16 :

Les pouvoirs dévolus à l'Assemblée Générale sont :

1. adoption et modification des statuts et du règlement d'ordre intérieur ;
2. nomination et révocation du représentant légal et des représentants légaux suppléants ;
3. détermination des activités de l'association ;
4. admission, suspension ou exclusion d'un membre ;
5. approbation des comptes annuels ;
6. acceptation des dons et legs ;
7. dissolution de l'association;
8. l'approbation du plan stratégique de l'association;
9. l'approbation des plans d'action annuels du Comité Exécutif ;
10. l'approbation du rapport annuel du Comité Exécutif ;
11. la nomination du bureau externe d'audit financier ;
12. Approbation des contrats et des investissements qui dépassent les limites précisées dans le règlement d'ordre intérieur

Igice cya kabiri : Komite Nyobozi

Ingingo ya 17 :

Komite Nyobozi igizwe na :

- Perezida : Umuvugizi w’umuryango ;
- Visi-Perezida: Umuvugize wungirije;
- Umunyamabanga Mukuru ;
- Umubitsi.

Ingingo ya 18 :

Abagize Komite Nyobozi batorwa n’Inteko Rusange mu banyamuryango nyakuri. Manda yabo imara imyaka itatu ishobora kongerwa inshuro imwe.

Iyo umwe mu bagize komite nyobozi yeguye ku bushake, avanywe ku mwanya we n’Inteko Rusange cyangwa yitabye Imana, umusimbuye arangiza manda ye.

Ingingo ya 19 :

Komite Nyobozi iterana igihe cyose bibaye ngombwa, ariko byanze bikunze rimwe mu gihembwe, ihamagawe kandi iyobowe na Perezida, cyangwa umwe mu ba Visi-Perezida babiri igihe Perezida adahari.

Iterana iyo hari 2/3 by’abayigize. Ibyemezo byayo bifatwa hakurikijwe ubwiganze busesuye iyo nta bwumvikane bubonetse. Iyo amajwi angana, irya Perezida rigira uburemere bw’abiri.

Section Two: Executive Committee

Article 17:

The Executive Committee is composed of:

- The president: Legal Representative;
- The Vice President: Deputy Legal Representative;
- The Secretary General;
- The Treasurer.

Article 18:

The Executive Committee shall be elected among effective members by the General Assembly with 3 year renewable one.

In case of resignation, expulsion by the General Assembly or death of members of the Executive Committee, his successor shall finish the mandate.

Article 19:

The Executive Committee shall convene obligatory every 3-month or any time when necessary on summon and direction of the President. In the absence of the president, the Vice presidents may convene the meeting.

The meeting may gather at the presence of 2/3 of its participants. The directions and decisions may be taken by the absolute majority when the consensus lacks. In the equality of votes that of the president counts double.

Section deuxième : Comité Exécutif

Article 17 :

Le Comité Exécutif est composé :

- du Président : Représentant Légal ;
- du Vice-président: Représentants Légal Suppléant;
- du Secrétaire Général;
- du Trésorier.

Article 18 :

Les membres du Comité Exécutif sont élus parmi les membres effectifs par l’Assemblée Générale pour un mandat de trois ans renouvelable une fois.

En cas de retrait volontaire ou forcée prononcée par l’Assemblée Générale ou de décès d’un membre du Comité Exécutif au cours du mandat, le successeur élu achève le mandat de son prédécesseur.

Article 19 :

Le Comité Exécutif se réunit autant de fois que de besoin, mais obligatoirement une fois par trimestre, sur convocation et sous la direction du Président ou à défaut, du Vice-Présidents.

Il siège lorsque les 2/3 des membres sont présents. Ses décisions se prennent à la majorité absolue des voix lorsqu’il n’y a pas de consensus. En cas de parité de voix, celle du Président compte double.

Ingingo ya 20 :

Komite Nyobozi ishinzwe :

1. gushyira mu bikorwa ibyemezo n'ibyifuzo by'Inteko Rusange;
2. kwita ku micungire ya buri muni y'umuryango;
3. gukora raporo y'ibyakozwe mu mwaka urangiye ;
4. gutegura ingengo y'imari igomba gushyikirizwa Inteko Rusange ;
5. gushyikiriza inteko rusange ingingo z'amategeko n'amabwiriza ngengamikorere zigomba guhindurwa ;
6. gutegura inama z'Inteko Rusange ;
7. kugirana imishyikirano n'indi miryango igamije ubutwererane no gushaka inkunga;
8. gushaka, gushyiraho no gusezerera abakozi bo mu nzego zose z'umuryango;
9. gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'Intego z'Umuryango;
10. Kwemeza amasezerano n'ibindi bikorwa bitarengeje agaciro kagenwa n'Itegeko Ngengamikorere;
11. Gutegura gahunda zose z'ibikorwa zigomba gushyikirizwa Inama Rusange no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryazo;
12. Kuyobora imirimo y'ishyirahamwe.

Article 20:

The duties of the Executive Committee shall be:

1. To ensure implementation of the Decisions and recommendations of the General Assembly;
2. To assure the everyday run of the Organization;
3. To elaborate annual report of the previous exercise;
4. To elaborate budget provisions to be submitted to the General Assembly;
5. To put proposals to the General Assembly of constitution and internal rules and regulations amendments;
6. To assure General Assembly preparations;
7. To carry out negotiations of cooperation and financial agreements with partners;
8. To proceed to personnel recruitment, nomination or expulsion;
9. To ensure the implementation of the organization's objectives;
10. To approve contracts and investments assets of the association that have value beyond that is mentioned in the internal rules and regulations;
11. To elaborate and ensure the implementation of strategic and operational planning ;
12. To ensure the association's administration.

Article 20 :

Le Comité Exécutif est chargé de

1. mettre en exécution les décisions et les recommandations de l'Assemblée Générale ;
2. s'occuper de la gestion quotidienne de l'association;
3. rédiger le rapport annuel d'activités de l'exercice écoulé ;
4. élaborer les prévisions budgétaires à soumettre à l'Assemblée Générale ;
5. proposer à l'assemblée générale les modifications aux statuts et au règlement intérieur ;
6. préparer les sessions de l'Assemblée Générale ;
7. négocier les accords de coopération et de financement avec des partenaires ;
8. recruter, nommer et révoquer le personnel de divers services de l'association ;
9. veiller à la mise en œuvre des objectifs de l'association;
10. approuver des contrats et des investissements qui ne dépassent pas les limites précisées dans le règlement intérieur;
11. élaborer les plans stratégiques et opérationnels à présenter à l'Assemblée Générale et en assurer l'exécution ;
12. assurer l'administration de l'association.

Igice cya gatatu : Ubugenzuzi bw'imari

Ingingo ya 21 :

Inteko Rusange ishira buri mwaka Abagenzuzi b'imari babiri bafite inshingano yo kugenzura buri gihe imicungire y'imari n'indi mitungo by'umuryango no kuyikorera raporo. Bafite uburenganzira bwo kureba mu bitabo n'inyandiko z'ibaruramari z'umuryango ariko batabijanyeho hanze y'ububiko.

UMUTWE WA IV : UMUTUNGO

Ingingo ya 22 :

Umuryango ushobora gutunga ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa ukeneye kugirango ugere ku ntego zawo.

Ingingo ya 23 :

Umutungo w'umuryango ugizwe n'imisanzu y'abanyamuryango, impano, imirage n'imfashanyo zinyuranye n'umusaruro uva mu bikorwa by'umuryango.

Ingingo ya 24 :

Umuryango ugenera umutungo wawo ibikorwa byose byatuma ugera ku ntego zawo ku buryo buziguye cyangwa butaziguye. Nta munyamuryango ushobora kuwiyitirira cyangwa ngo agire umugabane asaba igihe asezeye ku bushake, iyo yirukanywe cyangwa iyo umuryango

Section Three: Account Inspection commission

Article 21:

The General Assembly shall nominate 2 account inspectors with mission to ensure the good use of Organization's finances and assets and draw a report to the General Assembly. These persons have full access to Organization's accounting documents to be consulted without moving them.

CHAPTER IV : PATRIMONY

Article 22 :

The Organization may possess movable or immovable property necessary in the carrying out of its objectives.

Article 23:

The members' subscriptions, donations as well as income generated from the activities constitute the wealth of the Organization.

Article 24:

The Organization resources are affected to any input favorable to success. Any member shall never claim a part or possession of the resources when expelled, resign, deceased or after the dissolution of the Organization.

Section troisième : Commissariat aux comptes

Article 21 :

L'Assemblée Générale nomme deux Commissaires aux comptes ayant pour mission de contrôler en tout temps la gestion des finances et autre patrimoine de l'association et lui en faire rapport. Ils ont l'accès, sans les déplacer, aux livres et aux écritures comptables de l'association.

CHPITRE IV : PATRIMOINE

Article 22 :

L'association peut posséder des biens meubles et immeubles nécessaires à la réalisation de ses objectifs.

Article 23 :

Le patrimoine de l'association est constitué par les cotisations des membres, les dons, les legs, les subventions diverses et les revenus issus des activités de l'association.

Article 24 :

L'association affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation de son objet. Aucun membre ne peut s'en arroger le droit de possession ni en exiger une part quelconque en cas de retrait volontaire,

usheshwe

Ingingo ya 25 :

Igihe umuryango usheshwe, hamaze gukorwa ibarura ry'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa by'umuryango no kwishyura imyenda, umutungo usigaye uhabwa undi muryango bihuje intego.

UMUTWE WA V : GUHINDURA AMATEGEKO N'ISESWA RY'UMURYANGO

Ingingo ya 26 :

Aya mategeko ashobora guhindurwa byemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze busesuye bw'amajwi, bisabwe na Komite Nyobozi cyangwa na 1/3 cy'abanyamuryango nyakuri.

Ingingo ya 27 :

Byemejwe ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi, Inteko Rusange ishobora gusesa umuryango, kuwufatanya n'undi muryango cyangwa kuwomeka ku wundi bihuje intego.

Ingingo ya 28 :

Ibarura ry'umutungo w'umuryango rikorwa n'abo Inteko Rusange yashinze uwo murimo hakurikijwe ubwiganze bwa 2/3 by'amajwi.

Article 25:

When the Organization is dissolved, the property is given to another organization with similar objectives after inventory of movable and immovable property and after compassion of Organization dues.

CHAPTER V: MODIFICATION OF THE CONSTITUTION AND DISSOLUTION OF THE ORGANIZATION

Article 26:

Any amendment to this constitution shall be decided by the General Assembly on absolute majority. The amendment proposal may be submitted either by the Executive Committee or 1/3 of effective members.

Article 27 :

On decision of 2/3 of its members, the General Assembly shall decide the dissolution, fusion or transfer to any other association with the similar objectives.

Article 28:

The General Assembly shall nominate a team to ensure liquidation of the Organization approval of 2/3 of members.

d'exclusion ou de dissolution de l'association.

Article 25 :

En cas de dissolution, après inventaire des biens meubles et immeubles de l'association et apurement du passif, l'actif du patrimoine sera cédé à une autre association poursuivant les objectifs similaires.

CHAPITRE V : MODIFICATION DES STATUTS ET DISSOLUTION DE L'ASSOCIATION

Article 26 :

Les présents statuts peuvent faire objet de modifications sur décision de l'Assemblée Générale prise à la majorité absolue des voix, soit sur proposition du Comité Exécutif, soit à la demande du tiers des membres effectifs.

Article 27 :

Sur décision de la majorité de 2/3 des voix, l'Assemblée Générale peut prononcer la dissolution de l'association, sa fusion avec ou son affiliation à toute autre association poursuivant un but analogue.

Article 28 :

La liquidation s'opère par les soins des liquidateurs désignés par l'Assemblée Générale à la majorité de 2/3 des voix.

Official Gazette n°40 bis of 03/10/2011

Ishyirwaho ry'abashinzwe kurangiza iseswa ry'umutungo rivanaho nta mpaka abagize Inama y'Ubuyobozi n'iy'Ubugenzuzi.

Ingingo ya 29 :

Uburyo aya mategeko shingiro azubahirizwa kimwe n'ibindi bidateganyijwe nayo bizasobanurwa ku buryo burambuye mu mabwiriza ngengamikorere y'umuryango yemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze busesuye bw'amajwi.

Ingingo ya 30 :

Aya mategeko yemejwe kandi ashyizweho umukono n'abanyamuryango nyakuri bari ku ilisiti iyometseho.

Bikorewe i Kigali, kuwa 15/05/2008

This nomination shall terminate the mandate of the Executive Committee

Article 29 :

The implementation and any matters not catered for in this constitution reference shall be made to internal rules and regulations approved by the General Assembly upon absolute majority of votes.

Article 30 :

The present constitution is approved and adopted by the effective members of the Organization mentioned on herewith list.

Done at Kigali , 15/05/2008

La nomination des liquidateurs met fin au mandat du Comité Exécutif.

Article 29 :

Les modalités d'exécution des présents statuts et tout ce qui n'y est pas prévu seront déterminés dans un règlement d'ordre intérieur de l'association par l'Assemblée Générale à la majorité absolue des voix.

Article 30 :

Les présents statuts sont approuvés et adoptés par les membres effectifs de l'association dont la liste est en annexe.

Fait à Kigali, le 15/05/2008

LISTE DES MEMBRES FONDATEURS

N°d'ordre	Nom et Prénoms	ADRESSE	Signature
1	MUSONI Narcisse	KACYIRU	(sé)
2	TWAGIRAYEZU Canisius	KACYIRU	(sé)
3	NDARUHUTSE Janvier	KACYIRU	(sé)
4	RWUBUSISI Christian	KACYIRU	(sé)
5	NYIRAMAHOHO Habiba	KACYIRU	(sé)
6	KANYEMERA Issa	KACYIRU	(sé)
7	MUKAMUSONI Jacqueline	KACYIRU	(sé)
8	KARANGWA Benoît	KACYIRU	(sé)
9	NDISANZE Denis Frédéric	KACYIRU	(sé)
10	NYANDWI Jean de Dieu	KACYIRU	(sé)
11	NKURUNZIZA Fernand	KACYIRU	(sé)
12	KAJUGA Jérôme	KACYIRU	(sé)
13	MUGWIZA Yves	KACYIRU	(sé)
14	GATERA Venant	KACYIRU	(sé)
15	MANIRARUTA Innocent	KACYIRU	(sé)
16	UWAMARIYA Chantal	KACYIRU	(sé)
17	NDIBWAMI Alain	KACYIRU	(sé)
18	RUKESHA Richard	KACYIRU	(sé)

PROCES VERBAL DE L'ASSEMBLEE GENERALE DU 15/5/2008

Lieu: Kacyiru, le 15/5/2008.

Présents: Membres fondateurs en annexe.

Ordre du jour: Constitution d'une association sans but lucratif.

De la réunion :

1. L'assemblée générale à choisir l'appellation «**KAÏSHO KARATE - Dô**»
2. L'association se fixe comme objectifs :
 - Promouvoir la pratique du Karaté ;
 - Maintenir et promouvoir l'entente et la collaboration entre les membres nationaux et internationaux ;
 - Développer les relations avec les institutions officielles .
3. L'assemblée générale a élu un gouvernement constitué comme suit:
 - Président: **Mr. MUSONI Narcisse**
 - 1^{er} Vice Président: **Mr. Canisius TWAGIRAYEZU**
 - 2^e Vice Président : **Mr. Issa KANYEMERA**
 - Secrétaire : **Mr. Janvier NDARUHUTSE**
 - Trésorier: **Mr. Fernand NKURUNZIZA**
 - Trésorier Adjoint : **Mr. Yves MUGWIZA**

ITEKA RYA MINISITIRI N°117/08.11 RYO KUWA 24/7/2011 RIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO «AS WE FORGIVE RWANDA INITIATIVE (AWF-RI)» KANDI RYEMERA ABAVUGIZI BAWO

MINISTERIAL ORDER N°117/08.11 OF 24/07/2011 GRANTING LEGAL STATUS TO THE ASSOCIATION «AS WE FORGIVE RWANDA INITIATIVE (AWF-RI)» AND APPROVING ITS LEGAL REPRESENTATIVES

ARRETE MINISTERIEL N°117/08.11 DU 24/7/2011 ACCORDANT LA PERSONNALITE CIVILE A L'ASSOCIATION «AS WE FORGIVE RWANDA INITIATIVE (AWF-RI)» ET PORTANT AGREMENT DE SES REPRESENTANTS LEGAUX

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere : Izina n'icyicaro by'umuryango

Article One : Name and Head Office of the Association

Article premier: Dénomination et siège de l'association

Ingingo ya 2 : Intego z'umuryango

Article 2: Objectives of the Association

Article 2: Objectifs de l'association

Ingingo ya 3 : Abavugizi b'umuryango

Article 3: Legal Representatives

Article 3: Les Représentants Légaux

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 4: Commencement

Article 4 : Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N°117/08.11 RYO KUWA 24/7/2011 RIHA UBUZIMAGATOZI UMURYANGO «AS WE FORGIVE RWANDA INITIATIVE (AWF-RI)» KANDI RYEMERA ABAVUGIZI BAWO

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n'ya 121;

Ashingiye ku Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 8, iya 9, iya 10 n'ya 20;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n°27/01 ryo kuwa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere;

Abisabwe n'Umuvugizi w'Umuryango «**AS WE FORGIVE RWANDA INITIATIVE (AWF-RI)**» mu rwandiko rwe rwakiriwe kuwa 06/06/2011;

ATEGETSE :

MINISTERIAL ORDER N°117/08.11 OF 24/7/2011 GRANTING LEGAL STATUS TO THE ASSOCIATION «AS WE FORGIVE RWANDA INITIATIVE (AWF-RI)» AND APPROVING ITS LEGAL REPRESENTATIVES

The Minister of Justice/ Attorney General,

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120 and 121;

Pursuant to Law n° 20/2000 of 26/07/2000, relating to Non Profit Making Organisations, especially in Articles 8, 9, 10 and 20;

Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;

Upon request lodged by the Legal Representative of the association «**AS WE FORGIVE RWANDA INITIATIVE (AWF-RI)**» on 06/06/2011;

HEREBY ORDERS:

ARRETE MINISTERIE N°117/08.11 DU 24/7/2011 ACCORDANT LA PERSONNALITE CIVILE A L'ASSOCIATION «AS WE FORGIVE RWANDA INITIATIVE (AWF-RI)» ET PORTANT AGREMENT DE SES REPRESENTANTS LEGAUX

Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 121;

Vu la Loi n° 20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 8, 9, 10 et 20;

Vu l'Arrêté Présidentiel n° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains arrêtés ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier;

- Guteza imbere icyaro binyujijwe mu bikorwa byo kurengera ibidukikije (kurinda inkuka z'imisozi, kurwanya isuri, kurengera ibinyabuzima...);
- Ibikorwa byo kwigisha no guhugura mu bintu bitandukanye bifite aho bihuriye n'itego z'ishyirahamwe;
- Kurwanya icyorezo cya VIH/SIDA n'ibindi byorezo ku nyungu z'abaturage bibumbiye mu mashyirahamwe mu byaro cyangwa mu mijyi.

Ingingo ya 5 :

Ishyirahamwe rishobora gukorera ibikorwa byaryo mu Rwanda hose byemejwe na 2/3 by'abagize Inama Rusange.

UMUTWE WA KABIRI :IBYEREKEYE ABANYAMURYANGO

Ingingo ya 6 :

Ishyirahamwe rigizwe na :

- Abanyamuryango bawushinze ;

Article 4:

The association has the following objectives:

- To contribute to the promotion of education(primary,secondary and university);
- Rural development through protection of environment activities (protection of side basins,fight against erosion,protection of critical living being)
- Promotion of education and reinforcement of capacity activities in various domains linked to the social object of the Organization;
- To fight against HIV/SIDA and other pandemics in aid of local communities as well as rural and/or urban organizations.

Article 5:

The Association may extend its activities in any place in Rwanda on decision of the General Assembly to the 2/3rd majority votes of the effective membership.

CHAPTER II: MEMBERSHIP

Article 6:

The Organization is composed of:

- Founder members,;

Article 4 :

L'Organisation a pour objet :

- La promotion de l'enseignement (primaire, secondaire et universitaire) ;
- Le développement rural à travers les activités de protection de l'environnement (protection des bassins versants, lutte anti-érosive, protection des écosystèmes critiques.....) ;
- Les activités de formation et de renforcement de capacité dans les domaines variés liés à l'objet social de l'Organisation ;
- La lutte contre le VIH/SIDA et les autres pandémies au profit des communautés locales et organisations rurales et/ou urbaines.

Article 5 :

L'Organisation peut exercer ses activités sur toute l'étendue du territoire de la République du Rwanda sur décision des 2/3 des membres de l'Assemblée Générale.

CHAPITRE II : DES MEMBRES DE L'ORGANISATION

Article 6 :

L'Organisation comprend :

- les membres fondateurs ;

Official Gazette n°40bis of 03/10/2011

- Abanyamuryango bawinjiramo ;
- Abanyamuryango b'icyubahiro.

1° Abashinze umuryango n'abashyize umukono kuri aya mategeko shingiro.

2° Abanyamuryango bawinjiramo ni abantu babisaba bamaze kwiyezwa gukurikiza aya mategeko shingiro kandi bakemererwa n'Inteko Rusange.

Abanyamuryango bawushinze n'abinjiramo ni abanyamuryango nyakuri.

Bagomba kwitabira ibikorwa byose by'Ishyirahamwe. Bitabira inama z'Inteko Rusange, bafite uburenganzira bwo gutora no kungurana ibitekerezwa ku byemezo byafashwe n'Inteko Rusange.

Abanyamuryango b'icyubahiro ni abantu cyangwa imiryango bemerwa n'Inteko Rusange kubera ibyiza by'akarusho bakoreye umuryango. Komite Nyobozi niyo ihitamo abanyamuryango b'icyubahiro, ariko bakemezwa n'Inteko Rusange.

Bagishwa inama gusa ariko ntibatora.

Ingingo ya 7 :

Ubunyamuryango butakara iyo umunyamuryango asezeye ku bwende bwe, apfuye cyangwa yirukanywe n'Inteko Rusange y'Ishyirahamwe.

Gusezera ku bwende byandikirwa kandi

- Adherent members, and
- Honorary members.

1° Founder members are the signatories of this constitution.

2° Adherent members are physical persons who, upon request and after subscription to this constitution, are agreed by the General Assembly according to modalities determined by the internal regulation of the Organization.

Founder members and adherent members constitute the effective membership of the Organization. They have equal rights and duties towards the Organization.

They are committed to actively participate in all the activities of the Organization. They attend the meetings of the General Assembly with the right to vote and have to give contributions on the decisions of the General Assembly.

Honorary members are physical or moral persons agreed by the General Assembly due to special support rendered to the Organization. They are proposed by the Executive Committee and agreed by the General Assembly.

They play a consultative role, but do not take part to votes in the General Assembly's meetings.

Article 7 :

The membership ceases with the resignation, with the death of the member, exclusion or dissolution of the association.

Voluntary resignation is written and addressed to

- les membres adhérents ;
- les membres d'honneur.

1° Sont membres fondateurs, les signataires des présents statuts.

2° Sont membres adhérents, ceux qui après avoir souscrit aux présents statuts, sont agréés par l'Assemblée Générale de l'Organisation.

Les membres fondateurs et les membres Adhérents sont les membres effectifs de l'association.

Ils doivent participer activement dans toutes les activités de l'Organisation. Ils participent dans toutes les réunions de l'Assemblée Générale, ils ont le droit au vote et ils doivent donner leur contribution sur les décisions de l'Assemblée Générale.

Les membres d'honneur sont des personnes physiques ou morales auxquelles l'Assemblée Générale aura décerné ce titre en reconnaissance des services spéciaux et appréciables rendus à l'Organisation.

Les membres d'honneur sont proposés par le Comité Exécutif et agréés par l'Assemblée Générale. Ils jouent un rôle consultatif mais ne prennent pas part aux votes.

Article 7 :

La qualité de membre se perd par le retrait volontaire, le décès ou par l'exclusion prononcée par l'Assemblée Générale de l'Organisation.

Le retrait volontaire est écrite et adressée au

bikamenyeshwa Perezida wa Komite Nyobozi bikemezwa n'Inteko Rusange.

Kwirukanwa byemezwa n'Inteko Rusange kuri 2/3 by'amajwi ku munyamuryango wateshutse ku nshingano ze anyuranya n'ibiteganywa n'aya mategeko hamwe n'amabwiriza bigenga ishyirahamwe.

UMUTWE WA GATATU : INZEGO

Ingingo ya 8 :

Inzego z'Isyirahamwe ni :

- Inteko Rusange ;
- Komite Nyobozi ;
- Abagenzuramari.

Ingingo ya 9 :

Inteko Rusange nirwo rwego rw'ikirenga rw'Isyirahamwe, igizwe n'abanyamuryango nyakuri bese.

Ingingo ya 10 :

Inama Rusange iterana mu bihe bisanzwe kabiri mu mwaka, igaterana ku buryo budasanze igihe cyose bibaye ngombwa.

Iyoborwa na perezida wa Komite Nyobozi cyangwa visi perezida.

Iyo bombi baburiye icyarimwe, Inama Rusange itumizwa na 1/3 cy'abanyamuryango.

Muri icyo gihe, abagize inteko bitoramo ugomba kuyobora inama.

Inama Rusange ifata ibyemezo iyo hari umubare ungana nibura na 2/3 by'abanyamuryango

the President of the Executive Committee and is approved by the General Assembly.

Exclusion is adopted by the General Assembly upon the 2/3 majority votes against any member who no longer conforms to this constitution and the internal regulations of the Organisation.

CHAPTER III. THE ORGANS

Article 8:

The organs of the Organization are:

- The General Assembly,
- The Executive Committee, and
- The Auditing Committee.

Article 9:

The General Assembly is the supreme body of the Organization. It is composed of all the effective members of the Organization.

Article 10:

The General Assembly gathers twice a year in ordinary sessions.

The extraordinary General Assembly is convened as often as it deems necessary.

The General Assembly is convened and chaired by the President of the Executive Committee or by the Vice-President in case of absence.

In case both the President and the Vice-President are absent or fail to convene it, the General Assembly is called upon by 1/3 of the membership. In that case, the present members

Président du Comité Exécutif et approuvé par l'Assemblée Générale.

L'exclusion est adoptée par l'Assemblée Générale aux 2/3 des majorités de vote contre tout membre qui ne se conforme plus aux présents statuts et aux règlements régissant l'Organisation.

CHAPITRE III : DES ORGANES

Article 8 :

Les organes de l'Organisation sont :

- L'Assemblée Générale ;
- Le Comité Exécutif ;
- Les Commissaires aux comptes.

Article 9 :

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de l'Organisation. Elle est composée de tous les membres effectifs de l'Organisation.

Article 10 :

L'Assemblée Générale se réunit deux fois par an en sessions ordinaires et en sessions extraordinaires chaque fois que de besoin.

Elle est présidée par le Président du Comité Exécutif ou à défaut par le vice-président.

Si les deux sont empêchés, l'Assemblée Générale est convoquée par 1/3 des membres.

En ce moment, l'Assemblée Générale élit en son sein celui qui dirige la réunion.

L'Assemblée Générale prend les décisions aux 2/3 des membres effectifs.

bemerewe gutora

elect among themselves a Chairman for the session. The General Assembly legally meets when it gathers the 2/3rd effective membership.

Ingingo ya 11 :

Iyo Inama rusange ihamagawe kabiri idashobora kuzuza umubare ugenwe kugirango inama ishobore guterana ni ukuvuga ½ cy'abanyamuryango byuzuye, ibyemezo bifatwa ku buryo buhamye ku bwiganze bw'amajwi angana na 2/3 by'abanyamuryango baje mu nama ku ncuuro ya gatatu.

Article 11:

When the assembly is called two times without attending the quorum of ½ of effective members, decisions are taken on majority of 2/3 of members presents on the 3rd meeting.

Article 11 :

Si par deux fois successives, l'Assemblée Générale n'a pas pu réunir le quorum de 2/3 des membres effectifs, les décisions sont valablement prises à la majorité des 2/3 des membres présents à la 3^{ème} réunion.

Ingingo ya 12 :

Ububasha n'inshingano by'inteko Rusange ni ibi bikurikira :

- Kugenzura no kumenya ko inshingano z'Ishyirahamwe zubahirizwa;
- Kwemeza no guhindura amategeko agenga umuryango n'amabwiriza mbonezamikorere yawo;
- Gushyiraho no kuvanaho uhagarariye umuryango, umwungirije n'abagize Komite Nyobozi ;
- Kwemerera, guhagarika no kwirukana umunyamuryango;
- Kwemeza ingano y'umusanzu usabwa abanyamuryango ;
- Kwemeza ingengo y'imari y'Ishyirahamwe no kuyishyikiriza Komite Nyobozi ;
- Gusshyiraho cyangwa kwirukana abagenzuramari ;
- Kwemeza itangwa ry'umutungo

Article 12:

The General Assembly has the following powers:

- To monitor and know if objectives of the organization are respected;
- To adopt and to modify the constitution and internal regulations of the Organization;
- Election, and revocation of the Legal Representative, the substitute legal representative and members of Executive Committee;
- To admit, suspend and exclude a member of the Organization;
- To set the amounts of contributions for members;
- To set the budget of the Organization;
- To nominate and suspend the auditors;
- To authorize the disposal of assets of the

Article 12 :

Les pouvoirs et les devoirs réservés à l'Assemblée Générale sont les suivants :

- Veiller au respect des objectifs de l'Organisation ;
- Adoption et modification des statuts et du règlement d'ordre intérieur de l'Organisation ;
- Election et révocation du représentant légal, du représentant légal suppléant et des membres du Comité Exécutif ;
- Admission, suspension ou exclusion d'un membre de l'Organisation ;
- Fixer le montant des cotisations des membres ;
- Arrêter le budget de l'Organisation et donner décharge au Comité Exécutif ;
- Désigner ou révoquer les commissaires aux comptes ;
- Autoriser l'aliénation des biens de

- w'ishyirahamwe ;
- Kwemeza iseswa ry'Ishyirahamwe n'aho umutungo waryo uzajya ;
 - Gushyiraho abashinzwe gusesa Ishyirahamwe no kugena imikorere yabo ;
 - Gusuzuma no kwemeza ingengo y'imari y'umwaka na raporo y'ibikorwa byateguwe n'Inama y'Ubutegetsi.

Ingingo ya 13 :

Inteko Rusange itumizwa na Perezida, cyangwa na Visi Perezida igihe Perezida atabonetse, urwandiko rw'ubutumire ruyihamagaza rugomba kugaragaza umunsi, igihe n'aho inama izabera. Ubutumire bugomba kugezwa ku banyamuryango nibura iminsi 15 mbere y'uko inama iba, keretse habonetse impamvu zidasanzwe zatuma icyo gihe kigabanywa.

Ingingo ya 14 :

Urwandiko rw'ubutumire rugomba kugaragaza kandi gahunda y'ibizigwa mu nama. Urutumira Inama Rusange rugomba kugaragaza imbonerahamwe y'ibisobanuro ku mikoreshereze y'amafaranga mu mwaka ushize, ingengo y'imari iteganyijwe, raporo y'ibikorwa bya Komite Nyobozi na raporo y'abagenzuzi b'imari. Mu nama idasanzwe, ingingo yatumye Inteko Rusange itumizwa niyo yonyine ishobora gufatwaho ibyemezo.

Ingingo ya 15 :

Hatirengagijwe ibivugwa mu ngingo ya 32 n'iya

- Organization;
- To decide on the dissolution of the Organization and assignment of its assets;
 - To appoint a liquidator and define the mandate;
 - To examine and approve the annual budget; balance sheets and activity reports presented by the Executive Committee.

Article 13:

The General Assembly is convened by its President or in his absence the Vice-President. The notice shall specify the date, time and place where stands the General Assembly. It is sent to members at least 15 days before the meeting, unless exceptional circumstances require a shorter period.

Article 14:

The notice must also contain the agenda. One of the regular session must include the balance sheet of the previous year, the budget estimates, the activity report of the Executive Committee and the report of the auditors. In case of special session, only the point at which the General Assembly was convened may be discussed.

Article 15:

Except as provided in Articles 32 and 33 hereof,

- l'Organisation ;
- Décider de la dissolution de l'Organisation et de l'affectation de son patrimoine ;
 - Nommer les liquidateurs et définir leur mandat ;
 - Examiner et approuver le budget annuel, les bilans et les rapports d'activités présentés par le Comité Exécutif.

Article 13:

L'Assemblée Générale est convoquée par son Président ou à défaut par le Vice-président. La convocation précise le jour, l'heure et l'endroit où se tient l'Assemblée Générale. Elle est transmise aux membres au moins 15 jours avant la session, à moins que des circonstances exceptionnelles n'exigent un délai plus court.

Article 14 :

La convocation doit également contenir l'ordre du jour. Celui de la session ordinaire comprend obligatoirement la présentation du bilan de l'exercice écoulé, les prévisions budgétaires, le rapport d'activités du Comité Exécutif ainsi que le rapport des commissaires aux comptes. En cas de session extraordinaire, seul le point pour lequel l'Assemblée Générale a été convoquée peut être mis en discussion.

Article 15:

Sous réserve des cas prévus aux articles 32 et 33

33 z'aya mategeko, ibyemezo by'Inteko Rusange bifatwa ku bwiganze busanzwe bw'amajwi y'abanyamuryango baje mu nama.

Ingingo ya 16 :

Ishyirahamwe riyoborwa na Komite Nyobozi itorwa n'Inteko Rusange mu banyamuryango byuzuye.

Abagize Komite nyobozi batorerwa imyaka 2 kandi bashobora kongera gutorwa.

Komite nyobozi igizwwe na :

- Perezida;
- Visi Perezida;
- Umunyamabanga;
- Umubitsi;
- Abajyanama babiri.

Ingingo ya 17:

Komite Nyobozi ishobora kwiyambaza impuguke n'abajyanama igihe bibaye ngombwa.

Ingingo ya 18 :

Komite Nyobozi itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida.

Iterana rimwe mu gihembwe mu nama isanzwe.

Ishobora no guterana mu nama idasanzwe igihe cyose bibaye ngombwa.

Ntishobora gufata ibyemezo nibura 2/3 by'abayigize badahari, kandi umuntu ashobora guhagararirwa gusa mu buryo bwemewe n'amategeko.

the General Assembly decisions are taken by absolute majority of votes of the members present.

Article 16:

The Organization is administered by an Executive Committee elected by the General Assembly among the full members for a period of two (2) years renewable.

The Executive Committee consists of:

- A President;
- A Vice-president;
- A Secretary;
- A treasurer;
- Two advisors.

Article 17:

The Executive Committee may resort to the Consultants or experts when needed.

Article 18:

The Executive Committee is convened by the President or in case of absence, by the Vice-President.

It legally meets once in three months in ordinary session.

It may also meet in special sessions as often as the interests of the Organization requires.

It may also meet in special sessions as often as the interests of the Organization requires.

The Executive Committee shall be valid only if at least 2/3 of its members are present and only a

des présents statuts, les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité absolue des voix des membres présents.

Article 16 :

L'Organisation est administrée par un Comité Exécutif élu par l'Assemblée Générale parmi les membres effectifs pour une période de deux (2) ans renouvelables.

Le Comité Exécutif se compose de :

- Un Président ;
- Un vice-président ;
- Un Secrétaire ;
- Un trésorier ;
- Deux conseillers.

Article 17 :

Le Comité Exécutif peut recourir à des consultants ou à des experts selon les besoins.

Article 18 :

Le Comité Exécutif est convoqué et présidé par son Président ou en son absence par le vice-président.

Le Comité Exécutif se réunit une fois par trimestre en session ordinaire. Il peut également se réunir en sessions extraordinaires aussi souvent que l'intérêt de l'Organisation l'exige.

Le Comité Exécutif ne peut siéger valablement que si au moins les 2/3 de ses membres sont présents et seule une procuration légale est admise.

Ibyemezo byose bya Komite Nyobozi bifatwa mu bwiganze busesuye bw'amajwi y'abanyamuryango bahari.

Ingingo ya 19 :

Inshingano za Komite Nyobozi ni izi zikurikira :

- Kwita ku mutungo no ku mikorere ya buri muni y'Ishyirahamwe ;
- Gukurikirana ishyingirwa bu bikorwa ry'ibyemezo byose by'Inteko Rusange;
- Gutanga ibitekerezo ku ngingo z'amategeko agenga Ishyirahamwe (statuts) zishobora guhindurwa n'Inteko Rusange ;
- Gushyikiriza Inteko Rusange ingengo y'imari n'ibikorwa biteganyijwe umwaka utaha;
- Kwemera impano, imirage, n'izindi nkunga zihabwa ibikorwa by'Ishyirahamwe;
- Gushyikiriza Inteko Rusange urutonde rw'abinjira, abahagarikwa n'abirukanwa mu ishyingirahamwe kugirango ibifateho icyemezo,
- Gutegura inteko y'Inama rusange,
- Gushyirahamwe no kuvugana n'abaterankunga,
- Kwemeza abahabwa akazi no gusezerera abakozi.

Ingingo ya 20 :

Perezida wa Komite Nyobozi niwe uhagarariye Ishyirahamwe imbere y'amategeko kandi

legal proxy is allowed.

All Executive Committee decisions are taken by absolute majority of votes of the members present.

Article 19:

The Executive Committee has the following duties:

- to deal with the day to day management of the Organization;
- to execute the decisions and recommendations of the General Assembly;
- To propose to the General Assembly to amend the statutes;
- To submit to the General Assembly on the work plan and budget estimates;
- To approve donations, bequests and grants for works of the Organization;
- to propose to the General Assembly the admission, the suspension and exclusion of a member for approbation;
- to prepare the sessions of the General Assembly;
- to negotiate funding with partners;
- to recruit, appoint and dismiss the personnel.

Article 20:

The Chairman of the Executive Committee is the

Toutes les décisions du Comité Exécutif sont prises à la majorité absolue des voix des membres présents

Article 19 :

Les attributions du Comité Exécutif sont les suivantes :

- Assurer la gestion et l'administration de l'Organisation ;
- Veiller à l'exécution des décisions de l'Assemblée Générale ;
- Proposer à l'Assemblée Générale des modifications aux statuts ;
- Soumettre à l'Assemblée Générale le plan de travail et les prévisions budgétaires ;
- Approuver les dons, legs et subventions destinés aux œuvres de l'Organisation ;
- Proposer à l'Assemblée Générale l'admission, la suspension ou l'exclusion d'un membre pour approbation ;
- Préparer la session de l'Assemblée Générale ;
- Négocier avec les partenaires ;
- Recruter, nommer et licencier le personnel.

Article 20 :

Le Président du Comité Exécutif est le Représentant Légal de l'Organisation et veille à

ashinzwe kureba ko intego zaryo zubahirizwa. Visi-perezida niwe uhagarariye Ishyirahamwe wungirije. Perezida na Visi-Perezida nibo bonyine bemerewe guhagararira Ishyirahamwe imbere y'amategeko nko kuriburanira mu nkiko. Cyakora muri ibyo byerekeye imanza bashora kubishinga undi muntu ubishoboye yaba ari mw'Ishyirahamwe cyangwa ataririmo.

Ingingo ya 21 :

Abagize Komite Nyobozi, buri wese ku giti cye abazwa ibirebana n'ibyo yatorewe.

UMUTWE WA KANE: IBYEREKEYE UMUTUNGO N'IMARI BY'ISHYIRAHAMWE.

Ingingo ya 22 :

Ishyirahamwe rishobora gutunga ibintu, ari ibyimukanwa cyangwa ibitimukanwa birifasha kugera ku nshingano ryihaye.

Ingingo ya 23 :

Umutungo w'Ishyirahamwe ukomoka ku misanzu y'abanyamuryango, imfashanyo, imirage n'izindi nkunga zigenerwa ibikorwa byaryo cyangwa se amafaranga aturuka ku bikorwa byaryo.

Legal Representative of the Organization and ensures the achievement of the objectives thereof.

The vice president is the legal representative alternate. The president and vice president are the only ones to represent the Organization, including legal action. However, for this last act, they may give a proxy to any competent person, member of the Organization or not.

Article 21:

The Executive Committee members, each in his case, are liable to the Organization of the mandate for which he was elected.

CHAPTER IV: THE HERITAGE AND RESOURCES OF THE ORGANIZATION.

Article 22:

The Organization may hire or own movable and immovable properties needed to realize its objectives.

Article 23:

The assets of the organization come from the contributions of the members, school fees, donations, legacies, various subsidies and revenues generated by the activities of the Organization.

la réalisation des objectifs de celle-ci.

Le vice-président en est le Représentant légal suppléant. Le président et le vice-président sont les seuls à représenter l'Organisation, notamment ester en justice. Toutefois, pour ce dernier acte, ils peuvent donner procuration à toute personne compétente, membre de l'Organisation ou non.

Article 21 :

Les membres du Comité Exécutif, chacun en ce qui le concerne, est responsable envers l'Organisation de l'exécution du mandat pour lequel il a été élu.

CHAPITRE IV : DU PATRIMOINE ET DES RESSOURCES DE L'ORGANISATION.

Article 22 :

L'Organisation peut posséder, soit des biens meubles ou immeubles constituant un patrimoine nécessaire à la réalisation de ses objectifs.

Article 23:

Les ressources de l'Organisation sont constituées des cotisations des membres, des dons, legs, subventions ou tout autre financement ou le produit des œuvres de l'Organisation.

Ingingo ya 24:

Umutungo w'Isyirahamwe ukoreshwa mu bijyanye n'ibyo Isyirahamwe rigamije byonyine.

UMUTWE WA GATANU: IBYEREKEYE ABAGENZURAMUTUNGO

Ingingo ya 25 :

Buri myaka ibiri, Inteko Rusange ishyiraho abagenzuramari batatu. Bashinzwe kugenzura imiterere y'umutungo w'Isyirahamwe, uko ibaruramutungo ryubahiriza amategeko n'amabwiriza yemewe, uko imbonerahamwe y'umutungo iteye, niba ibigaragara mu bitabo biranga imikoreshereze y'imari ari ukuri.

Ingingo ya 26:

Inteko Rusange ishobora guhagarika umwe cyangwa benshi mu bagenzuramari. Icyo gihe iteganya uko basimburwa kugira ngo manda yabo irangire.

UMUTWE WA GATANDATU: IBYEREKEYE ISESWA RY' ISHYIRAHAMWE.

Ingingo ya 27 :

Iswa ry'Isyirahamwe ryemezwa na 2/3 by'amajwi y'abanyamuryango bemerewe gutora, bateranye mu Nama Rusange idasanze, yahamagarijwe icyo gusa. Isyirahamwe riramutse risheshwe, umutungo waryo wahabwa irindi shyirahamwe bihuje

Article 24:

The Organization designs its assets to all that can directly or indirectly contribute to the realization of its objectives.

CHAPTER V: AUDITORS

Article 25:

The General Assembly appoints every two years three Auditors committed to control at any time the management of financial accounts of the Organization as well as the regularity and sincerity of the inventories, assessment and that of the Organization accounts.

Article 26:

The General Assembly may terminate the appointment of one or auditors. It shall provide a replacement for the completion of their mandate.

CHAPTER VI: DISSOLUTION AND LIQUIDATION OF THE ORGANIZATION.

Article 27:

The dissolution of the Organization can be pronounced by a majority of 2/3 of staff members gathered at the General Assembly convened for this purpose. In case of dissolution, the assets of the organization after paying the debts, is transferred

Article 24 :

L'Organisation affecte ses ressources à ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation de son objectif.

CHAPITRE V : DES COMMISSAIRES AUX COMPTES

Article 25 :

L'Assemblée Générale désigne tous les deux ans, trois commissaires aux comptes. Ils ont pour mandat de vérifier les états financiers de l'Organisation, la régularité et la sincérité des inventaires, bilans, ainsi que l'exactitude des informations données sur les comptes de l'Organisation.

Article 26:

L'Assemblée Générale peut mettre fin au mandat d'un ou des commissaires aux comptes. Elle pourvoit à leur remplacement pour l'achèvement de leur mandat.

CHAPITRE VI : DE LA DISSOLUTION ET LIQUIDATION DE L'ORGANISATION.

Article 27 :

La dissolution de l'Organisation ne peut être prononcée qu'à la majorité des 2/3 des membres effectifs réunis lors de l'Assemblée Générale Extraordinaire, convoquée à cet effet. En cas de dissolution, le patrimoine de l'organisation après apurement du passif, est

intego, ibyo bigakorwa imyenda yose imaze kwishyurwa.

Ingingo ya 28 :

Ihindurwa ry'aya mategeko agenga Ishyirahamwe rishobora kubaho ari uko ryemejwe na 2/3 by'abanyamuryango bitabiriye inama y'Inteko Rusange bisabwe na Komite Nyobozi.

UMUTWE WA KARINDWI: IBYEREKEYE INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 29:

Uburyo aya mategeko shingiro azubahirizwa kimwe n'ibindi bidateganyijwe nayo, bizasobanurwa ku buryo burambuye mu mabwiriza nengamikorere y'umuryango yemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze busesuye bw'amajwi.

Ingingo ya 30:

Ku bidateganyijwe n'aya mategeko shingiro n'amabwiriza nengamikorere, umuryango uzakurikiza amategeko n'amabwiriza ariho mu Rwanda yerekeye imiryango idaharanira inyungu.

Ingingo ya 31:

Aya mategeko yemejwe kandi ashyizweho umukono n'abashinze umuryango bari kuri lisiti iyometseho.

to another organization of similar purpose.

Article 28:

An amendment of these statutes can be made with the agreement of 2/3 of members present at the General Assembly upon the proposal of the Executive Committee.

CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS

Article 29:

The modalities of implementing the present constitution and any lacking provision shall be determined in the internal regulations of the Organization adopted by the General Assembly.

Article 30:

For all the provisions that are lacking in the present constitution and internal regulation, the Organization shall refer to laws and bylaws into force in Rwanda relating to nonprofit making organization.

Article 31:

The present constitution is hereby approved and adopted by the founder members of the Organization whose list is hereafter attached.

cédé à une autre organisation d'objet similaire.

Article 28 :

Sur proposition du comité exécutif, il peut-être procédé à la modification des présents statuts, et ceci avec l'approbation des 2/3 des membres présents à l'Assemblée Générale.

CHAPITRE VII : DES DISPOSITIONS FINALES

Article 29:

Les modalités d'exécution des présents statuts et tout ce qui n'y est pas expressément prévu seront déterminés dans un règlement d'ordre intérieur de l'Organisation adopté par l'Assemblée Générale à la majorité absolue des voix.

Article 30 :

Pour toute disposition non prévue par les présents statuts ou par le règlement d'ordre intérieur, l'Organisation s'en réfèrera aux lois et règlements régissant les associations sans but lucratif au Rwanda.

Article 31 :

Les présents statuts sont approuvés et adoptés par les membres de l'Organisation dont les noms figurent sur la liste y annexée.

Official Gazette n°40bis of 03/10/2011

Ingingo ya 32:

Aya mategeko azatangira gukurikizwa umunsi yashyiriweho umukono.

Bikorewe i Kigali, kuwa 27/04/2011

Perezida :

NKURIKIYE Emmanuel (sé)

Visi Perezida :

MUKARUTESI Julienne (sé)

Article 32:

The present constitution enters into force the day of its signature.

Done in Kigali, on 27/04/2011

Chair person :

NKURIKIYE Emmanuel (sé)

Vice Chair person :

MUKARUTESI Julienne (sé)

Article 32 :

Les présents statuts entrent en vigueur le jour de leur signature.

Fait à Kigali, le 27/04/2011

Président :

NKURIKIYE Emmanuel (sé)

Vice-président :

MUKARUTESI Julienne (sé)

LISTE DES MEMBRES FONDATEURS de l'Organisation Non Gouvernementale pour le Développement Rural et le Bien Etre Social « ODRBES »

Nos	NOM	SIGNATURE
1	NKURIKIYE Emmanuel	(sé)
2	HODALI Jean Bosco	(sé)
3	ISIMBI Elke Bonhomme	(sé)
4	IRIBAGIZA Manassé	(sé)
5	KARAMUKA Augustin	(sé)
6	MUKABATURA Athanasie	(sé)
7	MUKAGATERA Pélagie	(sé)
8	MUKAGEMA Gaudiose	(sé)
9	MUKANGOGA Monique	(sé)
10	NDORICYIMPA Jacqueline	(sé)
11	MUKARUTESI Julienne	(sé)
12	RUDASINGWA Pierre	(sé)
13	RUGWIZANGOGA Cécile	(sé)
14	TWAGIRAYEZU JACKSON	(sé)

ITEKA RYA MINISITIRI N° 128/08.11 RYO
KUWA 22/08/2011 RIHINDURA
AMATEGEKO SHINGIRO N'IZINA
RY'UMURYANGO « EJO NZAMERA NTE”
KANDI RYEMERA ABAVUGUZU BAWO

MINISTERIAL ORDER N° 128/08.11 OF
22/8/2011 ALTERING CONSTITUTION
AND DENOMINATION OF THE
ASSOCIATION “EJO NZAMERA NTE”
AND APPROVING ITS LEGAL
REPRESENTATIVES

ARRETE MINISTERIEL N° 128/08.11 DU
22 /08/ 2011 MODIFIANT STATUT ET
DENOMINATION DE L'ASSOCIATION
« EJO NZAMERA NTE » ET PORTANT
AGREMENT DE SES REPRESENTANTS
LEGAUX

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere : icyemezo cyo guhindura
amategeko shingiro n'inyito
by'umuryango

Article One : Decision of altering constitution
and denomination of association

Article premier : Décision modificative du
statut et la dénomination de
l'Association

Ingingo ya 2 : Abavugizi b'umuryango

Article 2: Legal Representatives

Article 2 : Représentants Légaux

Ingingo ya 3 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye
z'iri teka

Article 3: Repealing of inconsistent

Article 3: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 4 : Igihe iteka ritangira
gukurikizwa

Article 4 : Commencement

Article 4 : Entrée en vigueur

Official Gazette n°40bis of 03/10/2011

ITEKA RYA MINISITIRI N° 128/08.11 RYO KUWA 22/08/2011 RIHINDURA AMATEGEKO SHINGIRO N'IZINA RY'UMURYANGO « EJO NZAMERA NTE » KANDI RYEMERA ABAVUGUZU BAWO

MINISTERIAL ORDER N° 128/08.11 OF 22/8/2011 ALTERING CONSTITUTION AND DENOMINATION OF THE ASSOCIATION “EJO NZAMERA NTE” AND APPROVING ITS LEGAL REPRESENTATIVES

ARRETE MINISTERIEL N° 128/08.11 DU 22/08/2011 MODIFIANT STATUT ET DENOMINATION DE L'ASSOCIATION « EJO NZAMERA NTE » ET PORTANT AGREMENT DE SES REPRESENTANTS LEGAUX

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta,

The Minister of Justice/Attorney General,

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n'ya 121;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120 and 121;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que revise à ce jour, spécialement en ses articles 120 et 121;

Ashingiye ku Itegeko no 20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo zaryo ya 14;

Pursuant to Law n° 20/2000 of 26/07/2000, relating to Non Profit Making Organisations, especially in Articles 14;

Vu la loi no 20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucrative, spécialement en ses articles 14;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo kuwa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere;

Pursuant to the Presidential Order no 27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;

Vu l'Arrêté Présidentiel no du 18/07/2004 déterminant certains arêtes ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier;

Abisabwe n'Umuvugizi w'Umuryango “**EJO NZAMERA NTE**” mu rwandiko rwe rwakiriwe ku wa 03/6/2011;

Upon request lodged by the Legal Representative of association “**EJO NZAMERA NTE**” on 03/6/2011;

Sur requête du Représentant Légal de l'association “**EJO NZAMERA NTE**” reçue le 03/6/2011;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: icyemezo cyo guhindura amategeko shingiro n'izina by'umuryango

Icyemezo cyafashwe k'ubwiganze bw'abagize inteko rusange y'umuryango "EJO NZAMERA NTE" kuwa 17/7/2011 cyo guhindura amwe mu mategeko shingiro n'inyito ikaba "The Future in Our Minds-Rwanda" kiremewe .

Ingingo ya 2: Abavugizi b'umuryango

Uwemerewe kuba Umuvugizi w'umuryango "The Future in Our Minds-Rwanda" ni **Bwana RUKWATAGE Janvier**, umunyarwanda, uba mu Murenge wa Kimironko, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali;

Uwemerewe kuba Umuvugizi Wungirije w'uwo muryango ni **Bwana NTARE Gilbert**, Umunyarwanda uba mu Murenge wa Kimironko, Akarere ka Gasabo, mu Mujyi wa Kigali.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye z'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika

Article One : Decision of altering the constitution and denomination of the Association

The decision of changing some Articles in the constitution, and denomination of "EJO NZAMERA NTE" to be "The Future in Our Minds-Rwanda" taken by the majority members of the Association on 17/7/2011, is hereby approved.

Article 2: Legal Representatives

Mr RUKWATAGE Janvier, of Rwandan Nationality, residing in Kimironko Sector, Gasabo District, Kigali City, is hereby authorised to be the Legal Representative of the association "The Future in Our Minds-Rwanda "

Mr. NTARE Gilbert, of Rwandan nationality, residing in Kimironko Sector, Gasabo District, Kigali City, is hereby authorised to be the Deputy Legal Representative of the same Association.

Article 3: Repealing of inconsistent

All previous contrary to this Ministerial Orders are hereby repealed

Article 4: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the

Article premier: Décision modificative du statut et la dénomination de l'Association

Est approuvée la décision de la majorité des membres de l'Association « EJO NZAMERA NTE » prise le 17/7/2011 de modifier certains articles au statut et la dénomination « EJO NZAMERA NTE » pour devenir « The Future in Our Minds-Rwanda »

Article 2: Représentants Légaux

Est agréé en qualité de Représentant Légal de l'association "The Future In Our Minds-Rwanda" **Monsieur RUKWATAGE Janvier**, de nationalité Rwandaise, résidant dans le Secteur Kimironko, District de Gasabo, Ville de Kigali;

Est agréé en qualité de Représentant Légal Suppléant de la même association, **Mr NTARE Gilbert**, de nationalité rwandaise, résidant dans le Secteur de Kimironko, District de Gasabo, Ville de Kigali.

Article 3: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent Arrêté Ministériel sont abrogées.

Article 4: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République

Official Gazette n°40bis of 03/10/2011

y'u Rwanda

Republic of Rwanda.

du Rwanda.

Kigali, kuwa 22/08/2011

Kigali, on 22/08/2011

Kigali, le 22/08/2011

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya
Leta

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

UMURYANGO UDAHARANIRA INYUNGU
“THE FUTURE IN OUR MINDS -
RWANDA”

AMATEGEKO SHINGIRO

UMUTWE WA I: IZINA, INTEBE YAWO,
IGIHE UZAMARA

Ingingo ya mbere:

Hakurikijwe amategeko yo mu Rwanda yerekeye imiryango idaharanira inyungu, hashinzwe umuryango witwa “**The Future In Our Minds - Rwanda, FIOM Rwanda**” mu magambo ahinnye.

Ingingo ya 2:

Icyicaro cy’umuryango gishyizwe i Kigali, Umurenge wa Kimironko, Akarere ka Gasabo. Ishobora kwimurirwa ahandi mu Rwanda igihe byemejwe na 2/3 by’abagize Inteko Rusange.

Ingingo ya 3:

Umuryango uzamara igihe kitagenwe. Ukorera mu Rwanda hose.

Ushobora kandi kwagura amarembo ukagaba amashami mu bihugu bigize akarere u Rwanda ruherewe mo byemejwe na 2/3 by’abagize Inteko Rusange.

NON PROFIT MAKING ASSOCIATION
“THE FUTURE IN OUR MINDS -
RWANDA”

STATUTES

CHAPTER ONE: DENOMINATION,
HEADQUATER, AND DURATION

Article One:

Pursuant to the Rwandan law relating to non-profit making organizations, a non-profit making association called **The Future In Our Minds – Rwanda**, abbreviated as **FIOM Rwanda** is hereby created.

Article 2:

The head office is located in Kigali City, Kimironko sector, Gasabo district. It may be transferred to any other location in the Republic of Rwanda upon approval of the 2/3 of the General Assembly.

Article 3:

The association is created for undetermined period. It shall exercise its activities on the whole territory of the Republic of Rwanda.

It may extend its activities and open up branches in the neighbouring countries upon approval of the 2/3 of the General Assembly.

ASSOCIATION SANS BUT LUCRATIF
“THE FUTURE IN OUR MINDS -
RWANDA”

STATUTS

CHAPITRE I: DENOMINATION, SIEGE,
DUREE

Article premier:

Conformément à la législation rwandaise sur les associations sans but lucratif, il est créé une association dénommée : **The Future In Our Minds - Rwanda, FIOM Rwanda** en sigle.

Article 2:

Le siège social de l’association est fixé dans la Ville de Kigali, Secteur de Kimironko, District de Gasabo. Il peut être transféré en tout autre endroit de la République Rwandaise sur décision des 2/3 des membres effectifs réunis en Assemblée Générale.

Article 3:

L’association est créée pour une durée indéterminée. Elle exerce ses activités sur tout le territoire rwandais.

Elle peut étendre ses activités et ouvrir des branches dans les pays de la région sur décision des 2/3 des membres effectifs réunis en Assemblée Générale.

UMUTWE WA II: INTEGO Z'UMURYANGO

Ingingo ya 4:

Umuryango ugamije:

- Guteza imbere urubiruko, abagore n'ibindi by'abatishoboye bigishwa imirimo y'amaboko yabafasha kwifasha.
- Gufasha urubiruko, abagore n'ibindi by'abatishoboye gutegura imishinga iciriritse yabafasha kwifasha no gushakisha inkunga.
- Gukangurira urubiruko gukunda Igihugu no kwirinda ibibazo byugarije urubiruko ibitsina byombi mu gihe cyane cyane none n'ikizaza, cyane cyane icyorezo cya SIDA, Indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, Uburaya, Ububandi, Ibiyobya bwenge n'ibindi.

Umuryango kandi uteganya gukora Imishinga y'iterambere ry'icyaro n'ibindi bikorwa bifasha umuryango kugera ku ntego zawo.

UMUTWE WA III: ABAGIZE UMURYANGO

Ingingo ya 5:

Umuryango ugizwe n'abanyamuryango nyakuri, abanyamuryango b'icyubahiro cyangwa abanyamuryango nterankunga. Abanyamuryango nyakuri ni abawushinze n'abaje nyuma bakemererwa n'inteko rusange.

CHAPTER II: OBJECTIVES OF THE ASSOCIATION

Article 4:

The association is created to fulfill the following objectives:

- Promoting the development of youth, women and vulnerable groups by training them manual works;
- Help the youth, women and other vulnerable groups to prepare and elaborate small developmental projects as well as assisting them to look for financial support.
- Sensitizing the youth to be patriotic, and fight against the dangers that they are facing today especially HIV/ AIDS and other sexual transmission diseases, prostitution, drugs use and other bad behaviours.

The association intends also to develop community development projects and to initiate other profitable projects for its auto-finance.

CHAPTER III: MEMBERSHIP

Article 5:

The association is composed of effective members, honorary members and sponsors. Effective members are founder members and adherent members approved by the General Assembly.

CHAPITRE II: OBJECTIFS DE L'ASSOCIATION

Article 4:

L'association a pour objet:

- Promouvoir le développement de la jeunesse, des femmes et surtout du groupe vulnérable par l'apprentissage des travaux manuels.
- Aider les jeunes, les femmes et d'autres groupes vulnérables à élaborer les petits projets de développement et les aider aussi à trouver le financement.
- Contribuer à l'information, éducation et communication sur le patriotisme et sur la lutte contre les problèmes qui constituent des menaces aux jeunes filles et garçons tels que le VIH/SIDA, les Maladies Sexuellement Transmissibles, le banditisme, la prostitution et la drogue.

L'association prévoit aussi mener des projets de développement communautaire et d'autres initiatives susceptibles d'assurer son auto financement.

CHAPITRE III: DES MEMBRES DE L'ASSOCIATION

Article 5:

L'association est constituée des membres effectifs et des membres d'honneur ou membres sponsors. Les membres effectifs se composent des membres fondateurs et les membres adhérents agréés par l'Assemblée Générale.

Ingingo ya 6:

Abashinze umuryango ni abashyize umukono kuri aya mategeko agenga umuryango.

Ingingo ya 7:

Abinjye mu muryango ni aba: Abantu bose bashatse bashobora kwitangira intego z'umuryango, abo baba abanyamuryango bamaze kwemerwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 8:

